ITEGEKO RYA ZAKATUL FITRI

NI ITEGEKO KURI:	NI BYIZA KURI: Ku uruhinja

- ZAKATUL FITRI: Ni itegeko kuva izuba rirenze k'umunsi wa nyuma wa Ramadhani, uyitanga akaba ari Umuyislamu, mukuru cyangwa mutoya, igitsina gabo n'igitsina gore, umucakara n'utari we.

- IGIHE CYIZA CYO KUYITANGA: K'umunsi w'Ilayidi no mu ijoro ry'Ilayidi, agatanga Icyibo mu biryo bimenyerewe, ku ibisagutse ku ibyo akeneye we n'umuryango we muri gahunda zabo zisanzwe.

IMPMVU YATUMYE IMANA ITEGEKA GUTANGA ZAKATUL FITRI:

1. Ni ugusikura igisibo cy'uwasibye ugikuramo utuntu tubi twaba twaragiyemo.

2. Harimo guhaza abakene no kubarinda gusabiriza k'umunsi w'Ilayidi.

IGIHE CYO GUTANGA ZAKATUL FITRI:

IGIHE BYEMEWE KUYITANGA:	IGIHE ARI BYIZA KUYITANGA:	IGIHE KIZIRIRIJWE KUYITANGA:
Mbere y'Ilayidi ho umunsi umwe cyangwa ibiri.	Mbere y'iswala y'Ilayidi nyuma ya Al Fajir	Nyuma y'iswala y'Ilayidi

IBIGOMBA GUTANGWA MURI ZAKATUL FITRI:

Icyibo cy'ibiryo bimenyerewe aho uyitanga atuye, urugero rw'ibigomba gutangwa ni icyibo cy'ibiribwa byiza bingana n'ibiro bibiri n'amagarama mirongo ine (2kg , 40g)	Gutanga Zakatul Fitri mu mafaranga ntibyemewe.

IKIGERO CYA ZAKATUL FITRI Y'IBIRIBWA BIMENYEREWE TUGERERANYIJE N'IBIPIMO BY'UMUNZANI:

UBUFU: NI GARAMA 1400g	INGANO RIDASEKUYE CYANE: 2000g	IBISHYIMBO: 2060g
INGANO 2040g	AMASHAZA: 2000g	ITENDE: I800g
UMUCERI: 2300g	IMIZABIBU: 1640g	IMIZABIBU YUMYE 1640g

IBICE BY'ABANTU MURI ZAKAT N'IBIPIMO BAHABWA:

[1] IBIGERERANYWA MU BYATANZWE HATITAWE KU UWABITANZE CYANGWA UBIHABWA NKA ZAKATUL FITRI	[2] IBITANGWA HASHINGIWE KU IBYATANZWE N'UBIHABWA NK'INSHUNGU (FIDIYA) YO KUGABURIRA ABAKENE BATANDATU BURI MUKENE AGAHABWA IGICE CY'ICYIBO	[3] IBIGENWA HITAWE KU UHABWA GUSA NTIBITE KU IBYATANZWE: NK'ICYIRU CY'INDAHIRO.